UMWEPISKOPI YATANZE ISAKRAMENTU RY'UGUKOMEZWA MURI PARUWASI YA KINUNU

Tariki 07 Ukwakira 2018, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yatanze Isakramentu ry'Ugukomezwa muri Paruwasi ya Kinunu ku bakristu bagera ku 137. Kuri uwo munsi kandi yahaye ku mugaragaro ububasha bwo gutanga Ukaristiya ku bagabuzi b'ingoboka b'Ukaristiya 22 ba Paruwasi ya Kinunu. Ibi bibaye mu gihe yaherukagayo muri iyi Paruwasi tariki 26/08/2018 iyi Paruwasi yahimbaje Yubile y'imyaka 50 imaze ishinzwe.

Umwepiskopi atanga Isakramentu ry'Ugukomezwa.

Abagabuzi b’ingoboka b’Ukaristiya bahabwa umugisha imbere y’abakristu.

Mu butumwa yatanze Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye abakristu ba Paruwasi ya Kinunu uko bakomeje kwiyubakira Paruwasi yabo bafatanyije n'abasaseridoti yabahaye; abashimira uko bateguye Yubile n'ibyo bagezeho bayitegura kandi bafatanyije; yabasabye gukomeza guteza imbere Paruwasi yabo badategereje akimuhana. Yakomeje agira icyo abwira abari bakomejwe uwo munsi. Yababwiye ko ingabire za Roho Mutagatifu bahawe bagomba kuzibyaza umusasruro bafatanya na Kiliziya kwamamaza Inkuru Nziza aho bari. Yakomeje abwira abakiri bato gukomeza kwitabira amatsinda y'abana bakigisha abandi bana; abakuru yabashishsikarije kujya mu miryango y'agisiyo gatolika iri muri Paruwasi cyangwa bakajya mu makorali ahari. Yagarutse kandi ku cyerecyezo cy'ubutumwa yatangaje tariki ya 15/08/2018 gifite insanganyamatsiko igira iti: Urukundo mu bikorwa cyane cyane iby'impuhwe…ashishsikariza abakristu ba Paruwasi ya Kinunu kurangwa n'impuhwe cyane bafasha abababaye kurusha abandi baturanye kandi bigahera mu miryangoremezo yabo bikagera n'ahandi.

Padiri Jean Marie KWIZERA